

**BIKIRA MARIYA ABONEKERA ANATALIYA MUKAMAZIMPAKA**  
**I KIBEHO TARIKI YA 21/5/1983**

*Ibonekerwa ryamaze amasaha 2 h 09'*

Signe ===== ivuga ibyancitse ntabyanditse

- Indirimbo: Turakuramutsa Mubyeyi w'Imana.
- Nabyishimiye cyane.
- Uko mwari mwaraye mubyifuje niko nabigenjeje.
- Rozari za mbere nizo navuze mbikuye ku mutima ariko iyi ya gatatu nabonye igihe kigiye kunshirana
- Oya yo nayikoze neza kuko nari kumwe n'abandi.
- N'iyi Rozari ya nyuma ibyo ntazirikanye neza ni amibukiro y'ikuzo.
- *Ishapule: (Atera ishapule twese turikiriza; amibukiro y'ikuzo).*
- *Indirimbo: Dore Umubyeyi Bikira Mariya*
- Ubwo noneho ndushijeho kwishima kandi namwe nizeye ko mwishimye kuko umurimo mwari mwantegetse nari nawurangije.
- Kandi biterwa no kwibeshya kwacu numvaga ko nabikoze.
- Ariko nubwo muvuga ngo dusigaye dukoresha uburyarya, ntabwo nakoresheje.
- Mwadusobanuriye ko kenshi dusengana uburyarya ngo abantu batubone.
- Jye byatewe n'uburangare.
- Turabikunda cyane. Nta na rimwe tutishimira kumva amagambo abaturutse mu kanwa n'ubwo tutayakurikiza bwose.
- Ni menshi n'ubwo tutayakiriye uko mwayaduhaye, ntacyo, muzatubwire n'ibindi. =====
- Ariko twe twabwira ngo muvuzi ngo isi imeze nabi, dutekereza intambara: nicyo gitekerezo abenshi twigirira.
- Nk'iyi batubajije, bamwe na bamwe baduha urugero rw'ibihugu birwana. Benshi babiterwa n'imibereho babona bafite
- Iyo mbabwiye ko kutubwira ko isi imeze nabi, bakomeza kutubwira nk'ibyo nkumva ari byinshi nkabura aho mbihera.
- Mbabwira ko roho yacu ikeneye ifunguro nk'uko umubiri urikeneye.
- Iyo babinsobanuje mbabwira nk'uko mwabivuze ngo twicuzi duhindure imitima yacu.
- Mbabwira ko bagomba gusenga bagashaka n'amasakramentu ngakomeza mbabwira ko bagomba kwihana iminsi yose.
- Kereka utabisobanukiweho niwe nkomeza ngaha ingero uko nshoboye ===== (*aha micro yarapfuye hashira umwanya avuga ntitwumve*) aho ikiriye akomeza atya:
- Nabashubije ko ab'isi nkunda kubasabira ukwemera nkabasabira n'amahoro.
- Impamvu ni uko benshi bambwira ngo mbasabire ukwemera.
- Nanjye niheraho navuga ===== ariko ukwemera turakubuze ku buryo bukabije.
- Akenshi nk'uko nabimusobanuriye maze kumenya icyo gisubizo naramushubije nti nsaba amahoro y'umutima ariko si ay'umubiri.
- Akenshi k'udafite amahoro y'umubiri nibyo bitera gucumura. Agatukana, akanduranya bitewe n'uko umubiri utameze neza.
- Oya ntabwo nkunda kubyibagirwa ariko sinkunda gusaba amahoro y'umubiri kuko nzi isezzerano twagiranye.
- Iyo tumaze kugira amahoro y'umubiri, uraducumuza. Waba wishimye waba ubabaye, ntubura kuducumuza.
- Ntabwo nabona icyo mpitamo kuko n'iyi umubiri utameze neza bituma ducumura. Mundebera mubyo barwaye bose murasanga bigunze. =====
- Hafi y'abantu bose usanga Roho ibabaye umubiri wishimye.
- Ni nk'abarwaye, abenshi ni abafite umubiri wishimye, roho ibabaye.
- Abo no kubasabira biraruhije. Abo nibo bajya ahantu hatagatifu no mu misa, ntube wabakekaho ibyo.
- Naho imbabare urazisabira, abo bandi nibo batuyobya.

- Abenshi ni abakwiyeguriye ariko uravuga ko dusengana uburyarya.
- Abo turabareka bitewe nuko tubona bifashije.
- Nk'uko ukubeshya ntiwamenya uko umukosora utabizi.
- Ndabizi mwatuburiye kenshi cyane, mujye muduha amatwi yo kwumva, tubikurikize nk'uko tuba twabyumvise.
- Turabibabwira ko mudufitiye urukundo runini.
- Narabibabwiye nanjye =====
- Ariko se murabona ububi bwacu butagabanuka!
- Bizahereza hehe?
- Nk'uko mwabyivugiye ko ntacyo muvuga cyangwa mukora mutazi akamaro kacyo. Ubwo mwaje twizeye ko isi izarokoka.
- Iyo mubona nta kamaro ntimuba mwaririwe muza. Si mwe se mubyivugiye ko ibyanyu biza buhoro buhoro? =====
- Jye ndabizi.
- Ni mwe mukunda kubiducyurira ngo amaso yabonye byinshi n'amatwi yumvise byinshi, azabazwa byinshi.
- Ibyo bintera ubwoba kuko mwanyeretse byinshi!
- Uko mwatubwiye amagambo niba ariko muzayatubaza turagatoye!
- Ko muba mwaduhaye se, kuki mutwishyuza?
- Igihe muvuga ngo amaso yabonye byinshi azabazwa byinshi n'amatwi yumvise byinshi azabazwa byinshi, ni ibyerekeye ibyo tuvuga gusa cyangwa ni n'ibyo dusaba?
- Nari nagize igitekerezo kuri ibyo. Nari nzi ko ari ibyo mumbwira igihe turi kumwe.
- Noneho ba bandi badakunda gusenga, ntibumve ijamba ryanyu ntabwo bazabibazwa?
- Ko numva se nabo muzabibabaza, ari uwaryumvise ari n'utararyumvise!
- Ari uwaryumvise ari n'utarashatse kuryumva, ibihano muzatanga ni bimwe?
- Ibyanyu koko biraruhije nta wapfa kubyisukamo. Ibyo ari byo byose nzajya ngerageza kubyumva aho kutabyumva, binanire nagerageje. Biraruhije koko.
- Abenshi nicyo gitekerezo bafite ngo singiye gusoma Bibliya cyangwa ngo njye mu kiriziya ngo batazabimbaza.
- Aho nshobora kugarukiriza amaso hari nk'uwagira ati sinajya mu misa kuko banseka. Byari byarabayeye ikinegu. Ubu nizeye ko mwabahaye inema.
- Mujye mudukiza ubwo buryarya twe gukorera gushimwa na rubanda. Tujye twumva ko turi kumwe namwe.
- Ntaho butaba, ari mu bana, ari mu bakuru, ntawe udakunda gushimwa kandi mwebwe ntibibashimisha.
- Hafi ya bose, amasengesho ni ayo gusaba, kuko twitegura guhabwa Roho Mutagatifu.
- Oya si ubu gusa; turamusaba ngo adufashe gutunganya ibyo mushaka.
- Jyewe namwiteguye mpabwa Penetensiya, nkurikizaho gusenga no kwambaza.  
===== kubera ko hari ibice byinshi ntakundaga kwibandaho.
- Nababwiye ko kwitegura atari ukumesa. Ubu abenshi imitima yabo isa n'irunzemo urwondo. =====
- Ngo ese kwambara neza ku munsu mukuru bivuga iki? ===== ati : "ese ubwo kenshi ntimwambara neza kugira ngo abantu babashime?" Nanga gukora ububeshyi ndamubwira.
- Tugomba kwitegura ku mutima no ku mubiri, ariko cyane cyane ku mutima.
- Yambwiye ko iminsi mikuru yanyu dukunda kuyifata nk'iy'isi ngo ibyabaye mu birori iyo dutashye ntitubyaibuka. Ngo n'ibyanyu ni uko tubita mu kiriziya, nk'aho twakomeje gushimira Imana. Yambwiye ko tudakwiye kubifata kimwe.
- Muri iyi minsi yangendereye cyane ambwira uko dukwiye kwifata ku minsi mikuru yanyu.
- Usibye ko iyi myenda nambaye =====
- Ngo umwenda wera ni umwenda w'ibyishimo.
- Impamvu yambwiye ko ngomba kwambara ibyera ni uko ngomba gusukura umutima wanjye, ariko twizeye ko twabifashwamo namwe.
- Yabihereye ko ngo iyo tuvuye mu misa tuvanamo imyenda twari twambaye bikerekana ko umunsu mukuru urangiye.
- Yambwiye ko uko nzajya ndinda umwenda wanjye kwandura ariko nzajya nirinda kwanduza umutima wanjye.

- Oya jye sinabishobora.
- Bitewe n'uko ikigiye kwanduza umwenda mba nkireba, ariko icyanduza umutima sinkibone.
- Yarabimbwiye . Nanjye ngomba guhimbaza umunsi mukuru mu mahoro n'ibyishimo.
- Kenshi iyo umuntu yahimbaje umunsi mukuru, wumva ari ibyo, ikibi ni ukubura amagara yawe.
- Ni kuri bakeya.
- Kuri bose ukunda kubibaza no =====. Umuntu arakubaza ati :ese umunsi mukuru wakugendekeye neza? » Ati : « oya, iyo atabonye icyo anywa cyangwa aya, wenda yahawe Ukaristiya ntiyumve bihagije. »
- Mukwiye kudufasha kuko mwabonye uko twitegura iminsi mikuru. Ubu udafite icyo azanywa nta mahoro, usanga ari byo dushyize imbere.
- Haba nk'ujya gushaka Penetensiya akabura uyimuha, Ambwira ko uwo ahabwa amahoro mu mutima bitewe n'uko aba yicujije.
- Ni uko namubajije ko hari benshi batuye kure y'aho bayishaka, ati bagomba kuyishaka kugeza igihe bayibonera.
- (*Anataliya araseka*) Oya, ntabwo ibyo biri kuri bose.
- Ibitaramo byo ntibijya bibura. Ibitaramo byinshi byiganje ni bimwe bitaburamo ibyaha. Naho ibibatunganiye ni bikeya.
- Turishimye kubona ko mukomeza kudukosora ku makosa twari tubafitiye usibye ko ari ugukosora intumva.
- Ibyo byose tubibwirwa kenshi cyangwa tukanayisoma kenshi usibye ko kuducengera aribyo bibuze.
- Aho wavuze ngo twe tuze tubasanga Ni mwe nzira nziza ya Yezu. Ibyo turabyemera ariko kubikurikiza nibyo bibura.
- Mwadufata uko turi naho ubundi =====
- Niba mubabona nabo ntabwo baba babyibaza. Kandi mubagirire impuhwe kubera ubwenge buke bwacu. Mujye mugirira ubucucu bwacu mutubabarire.
- Uwo wanze uramusebya ngo umusenye umuteshe agaciro. Niko bimera.
- *Indirimbo: Ndi uwawe Bikira Mariya.*
- Tugucumurira kenshi. Mwe mutugirira impuhwe.
- Kwishyura kwacu ni ukuturimbura.
- Iyo muduhaye ububabare bw'umubiri turushaho kubacumurira.
- Ntibikabatangaze kuko dukunda gusaba. Ari iby'isi ari iby'ijuru biraduhangayikishije.
- Kenshi abantu bibanda =====
- Nshobora kwishuka ko nabitunganyije, abantu ntibibuka ko bagomba no kwita kuri Roho z'abapfuye.
- =====
- Nibwiraga ko uwapfuye aba yarangije urwe.
- Ntabwo nari nagize uwo mwete mbere y'uko mubimbwira. Nubwo tutabitunganyije uko bikwiriye, ariko murabona tugerageza.
- Uko bishobotse muzabiduhamo imbaraga usibye ko hari ubwo muziduha ntituzikoreshe uko mubyifuza.
- Biterwa n'umwete muke tugira.
- Nzagerageza ===== uko muzajya mubimpera ubushobozi. N'abandi kandi, basaba urumuri rwanyu ngo babatunganyirize. Ni mwebwe muzi =====
- Ni uko abantu benshi bakunda kubyumva vuba. Bazi ko ibibazo byabo bihita bisubizwa, bazi ko mudasubiza bene kubibaza ahubwo musubiza bene kubaza. Nk'iyi mutinze kuduha igisubizo cy'ibibazo byabo, birabatangaza kuko bazi ko ntacyo twababaza ngo mwe kudasubiza vuba.
- Bene uwo ndamukomeza nkamubwira ko adakwiye kurambirwa.
- Murabibona buri wese aba afite icyo ashaka kukubwira.
- Uko mushaka abe ari ko mubasubiza.
- Kubabwira ibyo guhumuka amaso y'umutima ntabwo bari babyumva.
- Ntabwo bishobora gushira.
- Buri wese arabyifuza.
- Nabizanye.
- Jyewe kubona birangiye ndishimye. Iyo tutarabonana nk'iyi nsohotse mfite nk'igitabo, numva mfite isoni usibye ko twiyumanganya
- Hari ikindi kizasimbura iri kizwa? Kubera ko kuri 26 mwari mwambwiye ko ubu aribwo bwa nyuma.

- Impamvu benshi babishishikarira ni uko ari ikimenyetso kigaragara. Naho uwo muduha iteka(umugisha) abenshi nta n'ubwo tuwitegura.
- Mwakomeje kumbwira kenshi ko umugisha Atari amazi, igitabo cyangwa intoki, ko ahubwo ari IKIBAKOMOTSEHO muba mushaka kuduha muri ayo mazi.
- Impamvu ni uko uwahawe nk'umugisha w'igitabo, ashaka kwirengeza ku wahawe uw'amazi. =====
- Ndabikora.
- No muri iyi minsi mwawubiharaga ntibabyumva bitewe nuko batatewe amazi.
- Nk'uko wabivuze nanjye mbona isumbana usibye ko uyitanga ari umwe.
- Ibyo gukiza ubumuga bwa Roho n'ubw'umubiri se urumva ko Atari ikintu cyari gikaze? Buri wese rero yifuza kuwuhabwa.
- Narababuze ngo mbabaze. Bamwe mu myifatire no mu mikorere usanga nta cyahindutse.
- Kuko ari mwe muzi amaherezo.
- Ndavuga nti ingabire Umubyeyi yabahaye nibatazikoresha bazazibazwa.  
(Anywa ku mazi y'umugisha ari buze gukirisha ubumuga, akora ikimenyetso, atera amasengesho: Iryo kwicuza ibyaha, Bikira Mariya Nyirimpuhwe, Dawe uri mu ijuru, hubahwe hanyuma amanuka kuri podium atangira gutanga umugisha). Birangiye, ati:
- Kurya namwe ari ubwa nyuma mwankoresheje ubutaruhuka.
- Umugisha mugende muwitangira kuko buri wese agiye akorwaho bitazarangira.
- Byaba byiza mugendeye hasi kuko kurarama bituma mvunika igikanu.
- Koko Mubyeyi, ibyo utugirira ni byinshi. Kubona ukuntu wemera kuza kubana natwe, ariko twe tukabona ari ibikino, ari ntacyo bimaze!
- Kubera ko mumbwiye kenshi ko umugisha atari amazi ahubwo ari ikibakomokaho. Dufatanye kuwubaha aho bari hose.
- *Indirimbo: Tugutaramire we Mariya.*
- Umugisha mugiyeye kuduha udukomeze, utwumvishe ko tutariho ku bwacu, ko tugomba kwivuza, tukabagarukira.
- (Atanga umugisha nk'abapadiri ahindukira impande zose, aririmba ngo: Umugisha, wa Bikira Mariya).
- Turabyishimiye. Ndabasabira ngo bajye bumva ubuntu muhora mubagirira.
- Mujye mudutera imbaraga n'ukwihangana cyane cyane mu gihe tubashakashaka.
- Ni ku yihe tariki muzagaruka?
- Ntabwo musanzwe muyimbwira aha, mbitewe n'uko abaturuka kure haba ubwo bakubita amaguru y'ubusa.
- Uwahawe imbaraga namwe ntabwo acika intege.
- ===== Turasaba ngo mudukosore.
- *Amasengesho: Nyagasani Nyirimpuhwe, hubahwe, isengesho ryo kwizera Bikira Mariya Nyirimpuhwe, Mariya utasamanywe icyaha.*

(Arangiza kubonekerwa yitura hasi, agwa nk'igiti, hashize akanya akangutse, Speransiya akurikiraho).

*Ibonekerwa ryarangiyeye saa kumi n'ebiri n'iminota 15'.*